



Inkingi Forces Démocratiques Unifiées United Democratic Forces

+ (250) 728636000 Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.victoire-ingabire.com - www.fdu-rwanda.com

Kigali - Rwanda

"Pour un Etat de Droit, la Democratie et l'Egalité de chances"; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"

Kigali Kuwa 3 Werurwe 2013

Rubavu : Bwana Nsabayemye Gratien umwe mu bayobozi ba FDU-Inkingi ushinzwe urubyiruko yatawe muri yombi muri icyi gitondo cyo kuwa 3 Werurwe 2013 ashinjwa guhungabanya umutekano w'igihugu no gususugura ubuyobozi.

Kuva ku mugoroba wejo tariki ya 2 Werurwe 2013 ahagana mu ma saa tatu z'ijoro urugo rwa Nsabayemye Garatien utuye mu murenge wa Nyamyumba rwagosome n'abasirikare bitwaje imbunda bamusaba gukingura arabyanga kuko atumvaga ukuntu yaterwa n'abasirikare bitwikiye ijoro cyane cyane ko umwaka ushize mu kwezi kwa mbere 2012 nabwo yigeze guterwa n'abasirikare barwanira mu mazi bayobowe n'umukuru wabo Capitaine RUTABURINGOGA agakubitwa akagirwa intere .

Abo basirikare baraye iwe kugeza bukeye ariko ubwinshi bwabo bwatumye abaturage baturura baza gushungera maze ba basirikare bagira isoni barikubura barataha ariko bahamagara polisi ngo ize imutwara. Polisi ihageze Gratien yemeye arakingura maze imutwara kuri sitasiyo(station) ya polisi ya Rubavu ubu akaba ariho afungiyeye.

Impamvu yiri tabwa muri yombi rifitanye isano n'ibyari bimaze iminsi itari mike kuko guhera tariki ya 8 Ugushyingo 2012 inzego nkuru za FPR zamubwiraga ko ziba zoherejwe ziturutse i Kigali ku cyicaro gikuru cya FPR zahoraga zimusimburanwaho umunsi kuwundi haba aho yigisha ku rwunge rw'amashuri rwa Bumba ruri mu karera ka Rusizi, haba naho atuye asabwa kuva muri FDU-Inkingi ngo akajya muri FPR Inkotanyi ariko we akababwira ko yumva adakwiye guhatirwa kujya muri FPR ku ngufu no kureka ibyo we yemera kandi ahererwa uburanganzira n'amategeko uRwanda rugenderaho. Tariki ya 28 Gashyantare 2013 nibwo izo ntore za FPR zaherukaga kumusanga aho yigisha zimubaza niba agitsimbaraye ku cyemezo cye azimbwira ko atigeze ahinduka maze bamubwira ko akwiye gutangira kwitegura kwirengera ingaruka agiye guhura nazo.

Ibi bikorwa byo kwibasira abatavugarumwe na leta ya Kigali bikaba bisa n'ibiri gufata indi ntera nyuma yaho Generali Pahuro Kagame umuyobozi wa FPR Inkotanyi muri kongere nkuyu y'ishyamba FPR asabiye abacurabwenge baryo gutangira kwitegura

+ (250) 728636000 Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-inkingi.org - www.victoire-ingabire.com - **Donation:** <http://www.fdu-rwanda.com/donation>

Join us on **Facebook:** <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> - Watch us on **YouTube:** <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> -

Follow us **on Twitter:** <http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

no gufata ibyemezo bikaze bigamije kvanaho imbogamizi n'ibibazo ubu byugarije ishyaka rya FPR Inkotanyi.

FDU-Inkingi

Boniface Twagirimana

Umuyobozi wungirije w'agateganyo.